# AMABWIRIZA AGENGA ICYAMUNARA

**ICYAMUNARA N°:** 11.07.022/031/AUCTION/2025-2026/NCB/EUCL-DCS-PROC/CG/RM

**UBURYO BWO KUGURISHA (AUCTION METHOD):** Ipiganwa rinyuze mu gutanga igiciro hakoreshejwe amabahasha (Bidding through sealed envelopes). Upiganwa asabwe gukurikiza no kuzuza ibi bikurikira:

1. Inyandiko y'ipiganwa igomba kuba iherekejwe n'Ingwate ya **sheki** izigamiye "certified cheque" ingana na 10% y'ikiguzi cyatanzwe kuri buri cyiciro cy'ibikoresho "Lot". Ntibyemewe gutanga Ingwate ya **sheki** izigamiye "certified cheque" imwe (1) ikubiyemo ibyiciro byose "lots" by'ibikoresho bipiganirwa;
2. Ingwate ya **sheki** izigamiye yatanzwe n'upiganwa igomba kugaragaza icyiciro yapiganiye;
3. Upiganwa wese uzatanga **sheki** itazigamiwe, ifite izindi nenge ntizahabwa agaciro;
4. Uwatsindiye ibikoresho biri muri buri cyiciro asabwa kwishyura amafaranga asigaye mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) ibarwa uhereye ku munsi amenyesherejweho ko yatsinze. Iyo uwatsinze arengeje icyo gihe atakaza uburenganzira ku bikoresho yaguze kandi ntasubizwa garanti ya sheki yatanze;
5. Uguze asabwe guhita atwara ibikoresho yatsindiye akimara kwishyura ikiguzi cyose;
6. Uguze ibikoresho mu gihe agize impamvu ituma adatwara ibyo yaguze mu gihe giteganyijwe agomba kugaragaza impamvu mu nyandiko;
7. Uwatsinze amenyeshwa konti yishyuraho amafaranga yose mu rwandiko rumumenyesha ko yatsinze;
8. Abandi bitabiriye iri piganwa batabashije gutanga amafaranga asabwa kuri buri cyiciro asubizwa Sheki yatanze mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) uhereye ku munsi icyamunara cyafunguriwe;
9. Ihererekanya mutungo rikorwa iyo uwatsinze amaze kwishyura ikiguzi cyose;
10. Inyandiko imenyesha uwatsinze "Notification of award" niyo yemeza ihererekanya mutungo;
11. Umutungo ugurwa uko uri kandi bifatwa ko ugura aba yabonye kandi azi neza imiterere yawo mbere yo kuwugura;
12. EUCL ntacyo iryozwa ku mutungo nyuma y'igurishwa ryawo;
13. Ibikoresho bibarizwa mu cyiciro kimwe "Lot" ntibitandukanywa kandi bigurirwa hamwe;
14. Umuntu cg Sosiyete yemerewe gupiganira ku byiciro byose mu gihe yujuje ibisabwa,

15. Uko gusura ibikoresho guteganyijwe: taliki ya .19../02/2026 hazasurwa ibikoresho biri mu cyiciro "lot" biherereye Kanzenze mu Karere ka Bugesera. Taliki ya .20./02/2026 hazasurwa ibikoresho biherereye Mukungwa ku Ruganda rw'Amashanyarazi mu Karere ka Musanze.

16. Ibyo bikoresho biri ahantu hatandukanye bikaba biri mu byiciro bikurikira:

| NO | IBYICIRO | AHOBIHEREREYE | AKARERE BIBARIZWAMO |
|---|---|---|---|
| 1 | LOT 1 : Dredger Machine | Mukungwa HPP | Musanze |
| 2 | LOT 2 : Ibikoresho by'ubwubatsi (construction materials), ibikoresho byo mu biro (stationery) na fork lift | Kanzenze main store | Bugesera |

Bikorewe i Kigali kuwa.12./02/2026

Ronald MUTUNGI
**Umuyobozi ushinzwe itangwa ry'amasoko**

Claver GAKWAVU
**Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo**